**A Intangiriro:**

- **Urugamba rw'inzoka (Kuva 7:8–12)**
  - Imana yagaragaje ko gutabarwa kwa Isirayeli ari intambara Yo ubwayo yarwanye ihanganye n'imana z'Abanyegiputa (Kuva 12:12; Kubara 33:4).
  - Farawo yambaraga ikamba ririho ikimenyetso cy'ububasha bwe ari cyo inshira irimbishijwe ihagarariye imana *Uadyet*. Mu guhindura inkoni inzoka, Imana yatamaje iki kigirwamanakazi (Kuva 7:10). Ese cyajyaga gushobora kurinda Farawo?
  - Satani yīgānye iki gitangaza abinyujije mu bapfumu (Kuva 7:11). Ariko ntashobora kurema ubuzima; inzoka ze zari ibisa n'inzoka gusa. Ariko, Imana yari yaremye inzoka nzima, yashoboye kumira ibicurano bidafite ubuzima (Kuva 7:12).
  - Bityo Imana yerekanye ko ari ari Yo ifite imbaraga n'ububasha, atari imana z'Abanyegiputa.
- **Umutima unangiye (Kuva 7:13)**
  - Mu gitabo cyo Kuva, havuzwe inshuro 9 ko Imana yanangiye umutima wa Farawo (Kuva 4:21; 7:3; 9:12; 10:1; 10:20; 10:27; 11:10; 14:4; 14:8), naho mu zindi nshuro icyenda, havugwa ko Farawo ubwe yinangiye umutima we (Kuva 7:13; 7:14; 7:22; 8:15; 8:19; 8:32; 9:7; 9:34; 9:35).
  - Mbega! Ni nde wanangiye umutima wa Farawo?
  - Nyuma y'ibyago bitanu bibanza, havuzwe mu buryo bweruye ko Farawo yinangiye umutima we. Ni ukuvuga ko yanze kumvira irarika rya Mwuka Wera ryo kurekura Isirayeli.
  - Nyuma y'icyago cya gatandatu, Imana inangira umutima wa Farawo (Kuva 9:12). Bigaragara ko Farawo yari yararenze nyirantarengwa yo kwihana. Nyamara, mu cyorezo cya karindwi, yahawe andi mahirwe, ariko yongeye kunangira umutima we (Kuva 9:34–35).
  - Kuva icyo gihe, iherezo rye ryashyizweho ikimenyetso. Imana yanangiye umutima wa Farawo kuko yari yariyemeje ashimikiriye kutihana.

**B Ibyago:**

- **Ibyago bitatu byoroheje (Kuva 7:14–8:19)**
  - <u>*Icyago cya mbere*</u> : Amaraso. Cyibasiye: Hapi, ikigirwamana cya Nili.
    - ✓ Nili, cyane cyane iyo yabaga yagize imyuzure, yatangaga ubuzima muri Egiputa. Ariko se ni nde waremye amasoko y'amazi? Abapfumu bīgānye ihinduka ry'amazi, ariko ntibashoboye kuyagarura uko yari ari.
  - <u>*Icyago cya kabiri*</u> : Ibikeri. Cyibasiye: Heketi, ikigirwamana cy'ibikeri.
    - ✓ Ubu nabwo abapfumu bīgānye icyago, ariko ntibabasha kugihagarika.
  - <u>*Icyago cya gatatu*</u> : Inda. Cyibasiye: Gebu, ikigirwamana cy'ubutaka.
    - ✓ Kurema ubuzima mu mukungugu w'ubutaka (Itangiriro 1:24)? Ntibari bagishidikanya ku nkomoko y'ibyo byago: "Ibi bitewe n'urutoki rw'Imana" (Kuva 8:19). Amaherezo, abapfumu barahoze rwose.
- **Ibyago bitatu bikomeye (Kuva 8:20–9:12)**
  - <u>*Icyago cya kane*</u> : Ibibugu . Cyibasiye: Uwaciti, ikigirwamanakazi cy'ibishanga.
    - ✓ Ku nshuro ya mbere, Abisirayeli barinzwe icyago. Ibi byatumye Farawo yemera imishyikirano, ariko amaherezo yananiwe kubahiriza ibyo yari yaremeye.
  - <u>*Icyago cya gatanu*</u> : Muryāmo. Cyibasiye: Kunumu, ikigirwamana cy'irema.
    - ✓ Ibigirwamana nyinshi byari bifite imitwe y'inyamaswa, bityo rero iki cyago cyasuzuguje byinshi muri ibyo bigirwamana.
  - <u>*Icyago cya gatandatu*</u>: Ibisebe. Cyibasiye: Sekumeti, ikigirwamanakazi cyo gukiza indwara.
    - ✓ Ndetse n'abapfumu ntibashoboye kwikiza ubwabo (Kuva 9:11). Farawo ntiyashidikanyaga ku nkomoko y'ibyago. Nyamara yari yarahisemo kwanga kunamira Imana, maze Imana imwemerera gusarura imbuto z'ukwigomeka kwe (Kuva 9:12).
- **Ibyago bitatu kirimbuzi (Kuva 9:13–10:29)**
  - <u>*Icyago cya karindwi*</u> : Urubura . Cyibasiye: Nuti, ikigirwamanakazi cy'ikirere, na Seti: ikigirwamana cy'umugaru.
    - ✓ Ukwizera kw'Abanyegiputa kwarageragejwe. Abizeye barokoye amagara y'abagaragu babo n'amatungo yabo (Kuva 9:20). Farawo ntiyizeye, kandi nubwo yemeye icyaha, kwicuza kwe ntabwo kwari kuvuye ku mutima (Kuva 9:27–30).
  - <u>*Icyago cya munani*</u> : Inzige . Cyibasiye: Neperi, ikigirwamana cy'ibinyampeke.
    - ✓ Egiputa imaze gushegeshwa, Abanyegiputa ubwabo basabye Farawo kurekura Abisirayeli (Kuva 10:7).
  - <u>*Icyago cya cyenda*</u> : Umwijima. Cyibasiye: Ra, ikigirwamana cy'izuba.
    - ✓ Ubuzima bwo muri Egiputa (uretse i Gosheni) bwahagaze mu gihe cy'iminsi itatu. Imana yatanze igihe cyo gutekereza, icyo Farawo atakoresheje neza.